Uzahura na Allah ataramubangikanyije n'icyo ari cyo cyose azinjira mu ijuru. N'uzahura nawe yaramubangikanyije n'icyo ari cyo cyose azinjira mu muriro

Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzahura na Allah ataramubangikanyije n'icyo ari cyo cyose azinjira mu ijuru. N'uzahura nawe yaramubangikanyije n'icyo ari cyo cyose azinjira mu muriro."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko uzapfa atarabangikanyije Allah n'icyo ari cyo cyose, iherezo rye ni mu ijuru kabone n'iyo hari ibyaha yahanirwa, naho uzapfa yarabangikanyaga Allah n'icyo ari cyo cyose azinjira mu muriro.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3418